REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI
Y'UBURINGANIRE
N'ITERAMBERE
RY'UMURYANGO

EARLY CHILDHOOD
DEVELOPMENT
AND FAMILY (ECD&F)

# IMBONEZAMIKURIRE Y'UMWANA




United Nations
RWANDA
Unity in Diversity

NATIONAL
COMMISSION FOR
CHILDREN
Advancing Child Rights and Protection

imbuto
foundation

unicef
unite for children



Umunsi umwe gitifu (Executif) yatumije inama yo gukangurira abaturage gahunda y'imbonezamikurire y'umwana...
Umwana tuvugaho ni umwana ugisamwa mu nda ya nyina kugeza agize imyaka itandatu!
Turibukiranya uruhare rwa buri wese muri gahunda y'imbonezamikurire y'umwana
Umwana akeneye kugaburirwa indyo yuzuye, gukinishwa, kurindwa, kuvuzwa no kwigishwa!
Uruhare rwa mbere ni urw'umuryango! Kwita ku mwana si uruhare rw'igitsinagore gusa ni uruhare rwacu twese.
Twirinde ihohoterwa rikorerwa abana, ababikora bamenyeko amategeko abihanira cyane. Guhohotera umubyeyi utwite bigira ingaruka ku mubyeyi no ku mwana atwite!
Wumvise? Ntuzongere!




Abana bato iyo bahawe serivise z'imbonezamikurire baratsinda iyo batangiye amashuri.
Gitifu yahaye ijambo abajyanama b'ubuzima...
Nibutsaga ababyeyi bose batwite ko bajya babitumenyesha tukabaha ubufasha kandi tukabakurikiranira hafi kugeza babyaye neza.
Nkuko twabibabwiye muri gahunda y'iminsi 1000 ya mbere y'ubuzima, ubuzima bwiza bw'umwana butangira akiri mu nda ya nyina. Umubyeyi wese utwite aba agomba kwisuzumisha inda, kurya indyo yuzuye, no kubyarira kwa muganga
Ko uri inshuti y'umuryango buriya ntacyo wowe wavuga muri iyi nama?
Guhesha abana inkingo zose ni ngombwa cyane! Murakoze.
Nyakubahwa gitifu nabasabaga ijambo mw'izina ry'inshuti z'umuryango!



Rugero yahawe ijambo mu nama...
Nkuko babitubwiye muri gahunda y' imbonezamikurire y'umwana harimo n'uruhare ry'umuryango nyarwanda. Tugirana inama tukanafashanya mu burezi bw'abana bacu ndetse tukanacyahana.
Nyuma y'iyi nama twahura tukiga ku gitekerezo cyiza cya gitifu cyo gushaka uko abana bacu bato bajya bitabwaho, bagakinishwa ndetse natwe bakatwigisha kubakinisha imikino ibongerera ubwenge
Inshuti z'umuryango zaje gukorana inama n'abaturage...
Mwabyumvise ko turi inshuti z'umuryango, tuzajya dukorana namwe kenshi tubasure tubagire inama hagamijwe ko imiryango yacu irushaho kumererwa neza, twirinda amakimbirane, duha abana bacu uburere bwiza ndetse n'ibyo bakeneye byose





Nyuma y'iminsi mike...
Rugero na madamu we Kariza biteguraga umwana mu muryango...
Imenyereze kuganiriza no gukinisha umwana akiri munda ya nyina, ibyo bizafasha mu kugirana ubusa-bane n'umwana wanyu...
Wiriwe neza Kariza kanjye!
Wiriwe Rugero giku-ndiro! Iki kiga-niro ku mikurire myiza y'umwana ndi kumva ni cyiza cyane!
Kwa Rugero na Kariza bari barafashe kandi umuco mwiza wo gukaraba intoki n'amazi meza n'isabune uko binjiye mu rugo...
Yewe, tuzakora igishoboka cyose umwana wacu azakure neza. Izo mbuto nazo ni ngombwa zirinda indwara! dukomereze aho.


Rugero na Kariza bihutiraga gushyira mu bikorwa inama bagirwa na leta...
Akana kanjye! wiriwe ute? Ni papa ugukunda!
Banaririmbiraga umwana akiri mu nda...
Habaye ho akanyoni akanyoni akanyoni, habayeho akanyoni kazi kuririmba...
Bahitagamo kandi ibyo guteka bakurikije ibigize indyo yuzuye...
Umwana wacu nta ntungamubiri agomba kumburamo
Uribuka ko ejo dufitanye gahunda yanyuma na muganga mbere yuko ubyara?
Ndabyibuka na mitiweri nayishyize hafi.




Umwana wacu ni ukuzajya tumukinisha kenshi kuko burya umwana ngo yigira mu mikino kandi agahora yishimye
Bukeye bwaho Rugero yaherekeje umugore we kwa muganga...
IKIGO NDERABUZIMA
Muganga amaze kumusuzuma..
Ndabona nta kibazo umwana na nyina bafite. Umubyeyi rero agomba kubyarira kwa muganga gusa.
Kwa Rugero na Kariza baryamaga mu nzitiramibu iteye umuti...




Niko Cyu koko ni iki kikubujije guherekeza umugore wawe? Ntuziko ubuzima bw'umwana atwite nawe bukureba?






















Ntabwo umugore uhohoterwa gutya yabyara umwana muzima. Ibi koko ubiterwa n'iki?





Ndabibonye iri hohoterwa ni naryo rituma uriya mwana w'imyaka itanu atazi kuvuga akaba ahorana ubwoba n'agahinda
Reka kwiriza injira mu nzu ntawe ugukozeho! Gira vuba se!
?
Navuze ngo injira mu nzu! Uratinyuka ukansuzugura! Reka nkwereke
Sigaho Cyu!
Cyu, ibyo ukora biteye ubwoba n'agahinda! Urashaka ko umwana akumvira gute wisuzuguza ukubita nyina akureba?




Ikindi inkoni ivuna igufa ntivura ingeso! Umwana umuha urugero rwiza ubundi ukamuhanisha igitsure akoze ikosa!
Uziko buriya nawe byazamuviramo guhohotera abandi n'umuryango we kubera kukubona ukubita nyina!
Ibyo uvuga birashoboka nakuze mbona data akubita mama!
Uziko koko nanjye ariho mbikura!?
Cyuma yasigaye abyibazaho areba ukuntu umwana we afite agahinda atazi no kuvuga...
Ngomba kwisubiraho!
Cyuma yahisemo guhinduka agaha umwana n'umugore we utwite urukundo kandi agakinisha cyane umwana we...
Mumbabarire cyane nitwaye nabi!


Nyuma y'igihe gito...
Ndumva ibise byazamu-
tse, reka mpamagare
umugabo wanjye Rugero
n'umujyanama w'ubuzima
Rugero n'umujyanama w'ubuzima bahise
baza bamwihutana kwa muganga...
YOO! YOO!
IKIGO NDERABUZIMA
Mwicaze kuri ririya gare namaze
kubwira muganga aradutegereje!
Mu masaha
make Kariza
yibarutse
umwana
w'umuhungu
umeze neza...
Turakwishi-
miye nkwise
Manzi!
Bahise
bamuhesha
urukingo rwa
mbere nyuma
y'iminsi ibiri
avutse...




Rugero na Kariza bihutiye
kwandikisha Manzi mu murenge
mu gitabo cy'irangamimerere
amaze iminsi mike avutse...
Murakaza
neza!
Kwandikisha umwana nibwo buryo
butuma Leta imumenya ikamu-
shyira no muri gahunda zayo.
Ubu umwana wacu tugiye
kumwonsa gusa kugeza ku mezi
6, nyuma tuzongeraho ifasha-
bere kugera agize imyaka 2.
Ndumva mwubahiriza
gahunda y'imbonezamikurire
mu murenge wacu
Gitifu yarabaherekeje...
Mwakoze
kwandikisha
umwana ku gihe
Tuzifatanya n'abandi babyeyi mu
guha umwana wacu serivise
mbonezamikurire


Munzira batashye...
Muri gahunda y'imbonezamikurire tuzanahigira gukinisha abana no kubakorera ibikinisho byoroheje.
Bakigera mu rugo bakarabye intoki...
Buri mbere yo konsa nkaraba intoki!
Bamwonkeje nta kindi bamuvangiye kugeza umwana agize amezi atandatu...
Bakomeje kumuririmbira no ku muganiriza kandi bakanamurinda imbeho...
Umwana wabo bamukarabyaga buri munsi bakanamuhanagura buri gihe uko yitumye...
Uko bamaraga kumuhanagura yitumye cyangwa nabo bavuye mu bwiherero nabwo bakarabaga intoki...




Ntibyatinze igikorwa cyo kwita ku bana no guhugura ababyeyi bishyize hamwe muri gahunda mbonezamikurire y'abana bato kiratangira...
Mu gutangiza icyo gikorwa cyiza abenshi bafashe ijambo...
Aba bana bacu nibo Rwanda rw'ejo bagomba kugira imikurire myiza
Gitifu nawe yafashe ijambo...
Abishyize hamwe nta kibananira, dukomeze dufatanye twese kurerera igihugu
Mbere y'uko abana bato batangira kwigishwa ababyeyi bahuguriwe ku kwikorera ibikinisho by'abana babo...
Murabona ko nta kigoye kirimo!


Banaberetse imwe mu mikino bakinisha abana...
Bongeye no kwiga ibigize indyo yuzuye...
INDYO YUZUYE


INDYO YUZUYE.
IGIZWE N'IBICE BITATU BY'INGENZI
1
A
B
C
2
A
B
3
: Ibitera imbaraga
: Ibyubaka umubiri
: Ibirinda indwara




Nyuma y'amezi atandatu umwana wabo yatangiye gufata imfashabere y'inombe igizwe n'indyo yuzuye...
Irire igihungu cyiza!
Iyonkere rukundo rwanjye!
Umwana bamukinishi-rizaga kure y'amashyiga..
Akira Manzi!
Bamukinishaga bakora ibintu byoro-shye ngo abyigane...
Ha papa Manzi!



Reba hano Manzi
Bamwicazaga kenshi areba imbere bagatunga ikintu urutoki bakamubwira izina ryacyo kugirango amenye uko ibintu byitwa...
Agaseke, agaseke
Seke
Oya, Agaseke
Yabishobora baka-mushima...
Igihe kimwe Rugero na Kariza basigiye umwana Nyirakuru na Sekuru...
Iyizire gihungu giteye imbabazi!
Umuryango wose warindaga Manzi ngo hatazagira ikimuhungabanya...
Hoshi genda jya iwanyu!




Manzi kubera gukinishwa yari umwana ushamadutse wifuza kumenya no kugerageza byinshi...
Byasabaga rero kumuhozaho ijisho kimwe n'umwana wese uri mu kigero cye...
MANZI! BIBI KURYA UMWANDA!
?
Manzi ntiyigeze ahanishwa inkoni, yahanishwaga igitsure bamureba mu maso...
BIBI MANZI! URUMVA?
Iyo bamuhaga ibyo kurya baba-nzaga buri gihe kumu-karabya intoki n'amazi meza n'isabune...


Umunsi umwe Manzi yacitse iwabo agera ku muhanda...
?
Ku bw'amahirwe umuntu watambukaga ahita amugarura iwabo. Kuko twese dufite uruhare mu kurinda umwana uwo ariwe wese...
Mana we!? Sinzongera kurangara ukundi!
Urakoze cyane
Manzi yavuzwaga igihe cyose bibaye ngombwa cyane cyane afite umuriro...
Arimo kumera amenyo niyo mpamvu
Kugirango atazatinya kugaruka kwa muganga cyangwa akanga muganga yamukoreye aka dege mu rupapuro...
Ha ha ha!
Ngaho shimira
Akoze muganga!




Abana bato bakomeje kwigishwa no gukinishwa.....
Rimwe na rimwe bigaga mu matsinda mato...
Kuri icyo kigo mbonezamikurire abana bahabwaga amata n'igikoma byatangwaga n'ababyeyi babo...
Ababyeyi bazaga gutwara abana nuko Cyuma ashimira Rugero...
Warakoze cyane kumpanura!
Imana ishimwe!
ka gakobwa gakuru k'uyu nako ubu kariga
Manzi kimwe n'abandi bari hamwe muri gahunda y'imbonezamikurire baje gutangira amashuri abanza bagatsinda cyane...
Mbega abana bashimishije kwigisha!
Umunsi umwe ku munsi w'amanota...
Mama, Papa, nabaye uwa mbere!
Mbega ibyishimo, ni byiza Manzi komereza aho!



Iherezo